

Ifishi yo kwemera kwipimisha COVID muri JCPS nyuma yo gusobanurirwa - (Umubyeyi/umurezi cyangwa umunyeshuri ufite cyangwa urengeje imyaka 18)

Amashuri ya leta mu ntara ya Jefferson (JCPS) arimo gufatanya na za laboratwari n'abandi bapima ibizami kugira ngo bapime abanyeshuri n'abakozi COVID-19.

Niba wemeye, wowe (niba uri umunyeshuri wa JCPS ufite cyangwa urengeje imyaka 18)/umwana wawe uzapimwa /azapimwa virusi ya COVID-19 ku buntu. Gufata ibipimo birimo gukoresha ipamba, isa na tije coto, ishyirwa zuru, cyangwa gufata amacandwe mu kanwa. Abakozi bahuguriwe gukoresha ibi bizami bazakusanya ibipimo.

- Ibisubizo by'ibizami bizemererwa guhabwa umubyeyi/umurezi cyangwa umunyeshuri ufite cyangwa urengeje imyaka 18 washyize umukono ku ruhushya rukurikira. Ibisubizo bizoherezwa mu butumwa bwanditse na/cyangwa imeyili.
- Ibisubizo by'ibizami bimenyeshwa inzego z'ubuzima za leta n'iz'ibanze nk'uko amategeko abiteganywa muri iki cyorezo.
- Iyi porogaramu **MU BY'UKURI SI ITEGEKO** ku banyeshuri nubwo twizera ko uhitamo kwipimisha mu rwego rwo gufasha kubungabunga ubuzima n'umutekano w'abana n'abakozi uko bishoboka.
- Gukoresha ibizami bikorwa byiyongera ku mabwiriza yo kwirinda nko kwambara agapfukamunwa, guhana intera, isuku y'intoki n'ahantu.

Nakora iki igihe bampaye ibisubizo by'ikizami cy'umwana wanjye?

Niba basanze wowe/umwana wawe afite iyi virusi, uzimukira (azimukira) mu cyumba kiri kure y'abandi banyeshuri n'abakozi kugeza igihe ubashirije kugenda, cyangwa umwana bamaze kumutora. Turagusaba/turasaba umwana wawe kuguma mu rugo kugeza igihe atagifite ubwandu (ubusanzwe, ibimenyetso bimaze gushira, nibura nyuma y'iminsi 10 ibimenyetso bitangiye kugaragara) kandi utakibasha (umwana wawe atakibasha) kwanduza. Aya matariki uzayamenyeshwa n'abakozi bakurikirana abahuye n'uwanduye. Niba ibisubizo by'ikizami cyawe/cy'umwana wawe bigaragaje ko uri/ari muzima, wakomeza/yakomeza kuza ku ishuri nta nkomyi. Ku bantu bake, hari igihe ibizami bitanga ibisubizo bitari byo-bikerekana ko abantu badafite COVID-19 kandi bayifite (bita "kutandura bitari byo") cyangwa bikerekana ko abantu bafite COVID-19 kandi batayifite (bita "kwandura bitari byo").

Niba usanze utaranduye/umwana wawe ataranduye ariko ufite/afite ibimenyetso bya COVID-19, cyangwa ukaba uhangayitse ko waba/yaba warahuye/yarahuye n'umurwayi wa COVID-19, ugomba guhamagara uguha/umuha serivisi z'ubuzima, ishami ry'ubuzima cyangwa telefoni ya leta yagenewe COVID-19 kuri (800) 722-5725.

Ibimenyetso bizwi

Abantu barwaye COVID-19 bagiye bagaragaza ibimenyetso byinshi, biva ku bimenyetso byoroheje kugeza ku ndwara zikomeye. Ibimenyetso bishobora kugaragara mu minsi 2 kugeza kuri 14 umuntu afashwe n'iyi virusi. Abantu bafite ibi bimenyetso bashobora kuba bafite COVID-19:

- Umuriro (hejuru ya dogere 38) cyangwa gutengurwa
- Inkorora ije vuba umuntu atabasha kugenzura
- Kubura umwuka cyangwa guhumeka bigoranye bije vuba
- Umunaniro
- Kubabara imitsi cyangwa umubiri (bidatewe no gukoresha imitsi)
- Umutwe
- Kutaryoherwa cyangwa kudahumurirwa bije vuba
- Kubabara mu muhogo
- Kuziba amazuru cyangwa kuzana ibimyira
- Isesemi cyangwa kuruka
- Impiswi

Uru rutonde ntiruriho ibimenyetso byose bishoboka.

Kwikuraho uburyozwe

Umenye ko yaba uwapimye ikizami cyangwa JCPS, ntawe uzaryozwa impanuka cyangwa ibikomere byabaho bitewe no kwemera gukoresha ikizami.

HAGOMBA KUZUZWA N'UMUBEYEYI, UMUREZI CYANGWA UMUNYESHURI MUKURU	
Amakuru yerekeye umubyeyi/umurezi	
Amazina y'ububyeyi/umurezi mu nyuguti nkuru:	
Nomero ya telefoni ngendanwa y'umubyeyi/umurezi# <i>Icyitonderwa: ibisubizo bishobora koherezwa kuri iyi nomero ya telefoni ngendanwa</i>	
Imeyili y'umubyeyi/umurezi:	
Shyira akamenyetso ku buryo wifuzamo kumenyeshwa ibisubizo: kuri telefoni ngendanwa ____ imeyili ____ byombi ____	
Amakuru yerekeye umwana/umunyeshuri	
Amazina y'umwana/umunyeshuri mu nyuguti nkuru:	
Umuhanda atuyeho:	
Umuji	
Leta/kodi y'iposita	
Itariki y'amavuko:	
Ubwoko (ca akaziga kuri kimwe)	Umuhisipaniya/umulatino Umuhinde wo muri Amerika cyangwa kavukire wa Alaska Umunyaziya Umwirabura cyangwa umunyafurika w'umunyamerika Kavukire wo muri Hawayi cyangwa ikindi kirwa cya Pasifika Umuzungu Ubwoko bubiri cyangwa burenga
Igitsina	Gabo Gore Ikindi
Izina ry'ishuri:	
Kwemera	
Mu gushyira umukono aha hasi, nemeye ko:	
<ul style="list-style-type: none"> • Nemereye JCPS n'umuryango uwo ari wo wose upima ibizami bafatanyije, gufata ibizami bya COVID-19 by'umwana wanjye cyangwa byanjye (niba umunyeshuri afite cyangwa 	

arengeje imyaka 18) no kubipima hakoreshejwe agapamba bashyira mu zuru cyangwa mu kanwa.

- Nzirikana ko ibisubizo by'ikizami ari ikigaragaza ko umwana wanjye cyangwa nyewe (niba umunyeshuri afite cyangwa arengeje imyaka 18), agomba/ngomba kujya mu kato nk'uko byateganyijwe kugira ngo yirinde/nirinde kwanduza abandi.
- Nsobanukiwe ko umuryango upima ibizami na JCPS badakora nk'abampa/abaha umwana wanjye serivisi z'ubuzima, iki kizami ntigisimbura ubuvuzi mpabwa cyangwa umwana wanjye ahabwa n'umuha serivisi z'umuzima, kandi nshinzwe rwose gufata ingamba zikwiye zijyanye n'ibisubizo by'ikizami cyanyje cyangwa cy'umwana wanjye.
- Nemeye ko nzasaba muganga wanjye/w'umwana wanjye inama, kwitabwaho no kuvurwa niba mfite ibibazo cyangwa impungenge, cyangwa niba ubuzima bwanyje/bw'umwana wanjye bumeze nabi.
- Kimwe n'ikizami icyo ari cyo cyose cyo mu buvuzi, nsobanukiwe ko hashobora kubaho kwibeshya ku bisubizo bya COVID-19.
- Nsobanukiwe ko ibisubizo by'ikizami cyanyje/cy'umwana wanjye bizahabwa inzego z'ubuzima za leta n'iz'ibanze, JCPS n'izindi nzego zose za leta nk'uko bisabwa n'amategeko. Nemeye uku gutanga ibisubizo by'ikizami cyanyje/cy'umwana wanjye.
- Niba ndi umunyeshuri ufite cyangwa urengeje imyaka 18, nsobanukiwe ko JCPS ishobora guha ababyeyi banjye ibisubizo by'ikizami, kandi nemereye JCPS guha ababyeyi banjye ibisubizo by'ikizami biri mu nyandiko zo muri dosiye yanjye y'uburezi iri ku ishuri ryanjye.

Njyewe, ushyizweho umukono, namenyeshye intego yo kwipimisha, uburyo, inyungu n'ingaruka bishoboka, kandi nahawe kopi y'iyi fishi yo kubyemera maze gusobanurirwa. Nahawe amahirwe yo kubaza ibibazo mbere yo gushyiraho umukono, kandi bambwiye ko nshobora kubaza ibindi bibazo igihe icyo ari cyo cyose. Nsobanukiwe ko nshobora kwisubiraho nkanga kwipimisha nohereza inyandiko ibimenyeshya ku ishuri. Nemeye uku kwipimisha COVID-19 ku bushake.

*Niba ufite ibibazo kuri porogaramu yo kwipimisha mbere yo gushyiraho umukono, hamagara serivisi z'ubuzima kuri 485-3387

Umukono w'umubyeyi/umurezi, cyangwa umunyeshuri ufite cyangwa urengeje imyaka 18:	
Isano afitanye n'umunyeshuri:	
Itariki:	